REPUBULIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA GITARAMA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE

Gitarama, kuwa 17/2/1998

Nº 4/21.11/04/98

Bwana Ministre w'Urubyiruko,
Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga
Iciriritse
i
KIGALI

Impamvu : Inyandiko-mvugo
y'Inama

Division Services décentralisés + Planification
Vous en inspirer
Karew 5.3.98.

Binyujijwe kuri Perefe wa Perefegitura
Gitarama

REPUBLIQUE RWANDAISE
Préfecture GITARAMA

Bwana Ministre,

Hamwe n'uru rwandiko mbohereje inyandiko-mvugo y'inama itangira umwaka n'ibikorwa bya Minisiteri yacu muri Perefegitura ya Gitarama.

Iyo nama twayigiranye n'abahagarariye ubuyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga iciriritse muri komini.

Ku bayobozi bo muri komini 17 yari yitabwe na cumi na bane (14)

Mbifurije kubyakira neza.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga iciriritse
muri Perefegitura Gitarama

RUTATIKA Jean de Dieu

# INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YABA ENCADERERI B'URUBYIRUKO BO MU MAKOMINI YOSE YA PEREFEGITURA GITARAMA

Taliki ya 13/1/98 mu biro bya MIJESCAFOP i GITARAMA hateraniye inama yahuje abayobozi b'urubyiruko ba za komini zose zigize Perefegitura Gitarama. Iyo nama yatangijwe n'uwungirije Encadereri w'Urubyiruko muri Perefegitura, bwana RUTABANA Mathias.

Inama yatangiye saa 5 h, bwana Mathias atangira yifuriza umwaka mwiza abari aho, akomeza asobanura impamvu Encadereri atabonetse uwo munsi avuga ko Perefe yamushinze indi mirimo yihutirwa.

A. GAHUNDA Y'UWO MUNSI

1/ Kurebera hamwe uko umwaka 1997 wagenze,

2/ Kwiha gahunda y'umwaka 1998,

3/ Ibindi.

A.1. Ibikorwa byagezweho muri 1997

Ibyerekeye ibikorwa byagezweho mu mwaka ushize 1997, umuyobozi w'inama yavuze ko uko byari byateguwe atariko byagenze kubera impamvu z'imilimo yagiye ibatungura (ingando,,imishinga itabonewe inkunga n'ibindi).

A.1.a) Yibukije ibyo bari bateganije kandi byagezweho :

- Kuzuza inzego n'ubwo atari hose,
- Gukoresha championnat y'umupira w'amaguru (championnat-inter-communal) igikombe cyatwawe na komini NYAMABUYE.
- Gukoresha amarushanwa y'amatorero, ayarushije ayandi yabonye ibihembo,
- Gutumira amatorero akerekana ubuhanzi bwayo (Inganji yerekanye imikino myinshi mu bigo by'amashuri yisumbuye, abanyeshuri bo mu Byimana berekanye ikinamico).

.../...

A.1.b) Arangije yavuze ko hari n'ibindi batashoboye kugeraho

- Guhugura abakozi ba Minisiteri,
- Gutunganya komite y'abasiganwa ku magare byagumye mu mushinga gusa nk'uko NDIKUMANA Joseph bari babishinze yabivuze.

A.2. Uko umwaka 1998 uteganijwe

Umuyobozi w'inama yavuze ko bazagerageza kurangiza ibyo batagezeho mu mwaka 1997 noneho bongereho n'ibindi nko :

- Guhugura abakozi mu burere mbonera gihugu (éducation civique)
- Gufasha urubyiruko gushinga amashirahamwe yongera umusaruro muri buri segiteri,
- Gusura inzego z'urubyiruko,
- Gukoresha imikino ngororamubiri (athletisme),
- Gukoresha amarushanwa y'umupira w'amaguru. Ku byerekeye umupira w'amaguru, umuyobozi w'inama yavuze ko bazahuza abasifuzi bazajya bafasha na ba komiseri.
- Guhuza amatorero y'amakomini,
- Gukora amahugurwa y'abakuru b'amatorero ku rwego rw'amakomini azaba arimo na ba encadereri b'urubyiruko,
- Gufasha amatorero gushyiraho amategeko ayagenga n'inzego aho zituzuye,
- Kuzakora ibarura ry'abacuranzi gakondo n'abaririmbyi bari mu makomini.
- Kubarura ibigo by'urubyiruko byo muri Perefegitura byigisha imyuga.
- Gukoresha isiganwa ku magare. Abari mu nama bagejejweho ibyavuye mu nama ya Fédération Rwandaise de cyclisme (F.R.C) yo kuwa 31/10/1997. Abagezaho uko amarushanwa ateganijwe :
  - Mu mpera z'ukwezi kwa mbere 1998 hari isiganwa ry'amagare (tour de PVK = 120 km),
  - Muri Werurwe isiganwe ryo mu karere k'uburasirazuba Rwamagana-Kibungo-Rusumo-Kibungo (Petit tour de l'Est),
  - Muri Mata (course contre la montre) Kigali-Rwamagana,
  - Muri Gicurasi Gitarama-Butare-Gitarama,
  - Muri Kamena (tour de Butare ou Criterium),

.../...

- Muri Nyakanga (Grand tour de l'Est) Kigali-Kibungo, Kibungo-Nyagatare, Nyagatare-Kigali,
- Muri Nzeli (mini tour du Rwanda "4 jrs") Gikongoro-Butare étape d'échauffement, Butare-Kigali, Kigali-Kibungo, Kibungo-Nyagatare, Nyagatare-Kigali,
- Mu Ukwakira (Tour des Volcans) Gisenyi-Ruhengeri-Gisenyi.

A.3. IBINDI

A.3.a) Ibyashikirijwe n'umuyobozi w'inama

Mu bindi bibazo umuyobozi w'inama yasabye ko batanga raporo irambuye itanga ibisobanuro bihagije ; urugero : kuvuga inama yakozwe, ukavuga umunsi yakozwe n'ibyahavugiwe, kuvuga amahugurwa yakozwe, icyo yabunguye, ni cyo yabafasha mu milimo inyuranye, ibikoresho byakoreshejwe mu rwego rw'urubyiruko, gahunda y'ibiteganijwe, etc.

Umuyobozi w'inama yagarutse ku kibazo cy'abakinnyi cyagiye kigaragara muri uyu mwaka ushize none kugira ngo gikemuke yavuzeko abakinnyi ba komini bazaba ari abafatira ibyangombwa muri iyo komini gusa.

Ibindi umuyobozi w'inama yagiye yibutsa ni nko gushiraho komite y'abasiganwa ku magare muri buri komini, ba Encadereri bakabikangurira abantu mu makomini yabo ; raporo y'ibarura ry'urubyiruko ryasabwe rizaba ryarangiye mu gihembwe cy'umwaka (fin mars 1998) ; raporo y'abacuranzi n'abaririmbyi igomba kuba yarangiye mu mpera z'ukwezi kwa kabiri 1998.

A.3.b) Abari mu nama basobanuye ibibazo bahura mu kazi

Abitabye inama nabo bavuze ibibazo byabo nko :

- kuba bafite imikino y'imipira y'amaboko ariko ntibabone aho bayerekanira,
- kwinuba ukuntu championnat ziba zitunganijwe, ukuntu ibibazo bahura mu ngendo zabo z'imikino bititabwaho no kudakurikirana hagufi iby'imikino, n'ibindi.
- Umwe mu bari aho (NYAMINANI Edouard) yisabiye ko bajya bafata neza amatorero iyo aje gukina ngo kuko uko bafatwa bibaca intege z'ugukina. Hongeweho n'icifuzo cy'uko igihe batumije inama yo gutegura championnat bajya bazirikana ba Burugumesitiri bakabatumira.

.../...

A.3.c) Ibintu n'ibindi

Abari mu nama basabye ko babona ibisobanuro bihagije ku byerekeye ishuri rya mécanique ry'IKAVUMU, bavuze kandi ko hari ho ba encadereri bennshi bakora bataremererwa kuko nta masezerano y'akazi barasinya (contratz'akazi), ba encadereri basabye kandi ko bajya babona amanota yabo ya buri mwaka kuko byabafasha mu kuzamurwa mu "mishahara".

Barangije biyemeza kuzajya bahura biha na gahunda y'uyu mwaka :

- Inama ya mbere iteganijwe taliki ya 8/4/98
- Inama ya kabiri iteganijwe taliki ya 7/7/98
- Inama ya gatatu iteganijwe taliki ya 17/11/97

Inama yarangiye isaa cyenda, maze umuyobozi w'inama arangiza ashimira abayitabye.

Bigiriwe i Gitarama, kuwa 16/2/1998

Umwanditsi w'inama

MUKANTARE Jacqueline
Secrétaire MIJESCAFOP

Umuyobozi w'inama

RUTABANA Mathias
Umuyobozi wungirije w'urubyiruko
muri MIJESCAFOP

ABARI BITABYE INAMA

- RUTABANA Mathias : Encadereri wungirije muri Perefegitura akaba n'umuyobozi w'inama,
- NYAMINANI Edouard : Encadereri wa komini MUKINGI,
- MBERA Pierre : Encadereri wa komini KAYENZI
- MAZIMPAKA Théodose : Encadereri wa komini RUNDA,
- RUTAYISIRE Innocent : Encadereri wa komini BULINGA,
- MUSABYIMANA Elias : Encadereri wa komini TAMBWE,
- RUZINDANA Germain : Encadereri wa komini NYABIKENKE,
- RUBAVU GAHIMA Prosper : Encadereri wa komini MURAMA,
- NDIKUMANA Joseph : Encadereri wa komini NYAMABUYE,
- GASORE Olivier : Encadereri wa komini MUGINA,
- KANYARWANDA Déo : Encadereri wa komini KIGOMA,
- UWIMANA Joseph : Encadereri wa komini TABA,
- NZANYWAYIMPAYE J. de Dieu : Encadereri wa komini NYAKABANDA,
- NDAYISENGA Private : Encadereri wa komini MUSHUBATI,
- GASASIRE Vincent : Encadereri wa komini NTONGWE,
- MUKANTARE Jacqueline : Secrétaire wa MIJESCAFOP muri Perefegitura, akaba n'umwanditsi w'inama.

ABATASHOBOYE KUBONEKA MU NAMA

- MANDELA Innocent : Encadereri wa komini MUSAMBIRA,
- UWAMUNGULéon Fidèle : Encadereri wa komini MASANGO.

---